**TTB KIN 1284**

## TUMENYE BIBILIYA

## IKIGANIRO: 1284

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize nakubwiye ibyerekeranye n’ubukwe bw’Umwana w’Intama n’Umugeni we n’umusangiro aba bobi bazagirana hano mu isi.

Uyu munsi ndakubwira ibyerekeranye kugaruka kwa Kristo mu isi n’uko intambara ya Armagedoni izarangira.

## KUGARUKA KWA KRISTO NK’UMWAMI W’ABAMI N’UMUTWARE UTWARA ABATWARE

**Mbona ijuru rikinguye kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru. Uhetswe na yo yitwa Uwo kwizerwa, kandi Uw'ukuri. Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye.**

**Amaso ye ni ibirimi by'umuriro no ku mutwe we afite ibisingo byinshi, kandi afite izina ryanditswe ritazwi n'umuntu wese keretse we wenyine. [Ibyahishuwe 19:11–12].**

*Mbona ijuru rikinguye kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru. Uhetswe na yo yitwa Uwo kwizerwa, kandi Uw'ukuri. Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye. Amaso ye ni ibirimi by'umuriro no ku mutwe we afite ibisingo byinshi, kandi afite izina ryanditswe ritazwi n'umuntu wese keretse we wenyine.*

Mbega ishusho tubona hano! Gusoma ibivugwa hano gusa bintera umunezero mwinshi. Ibi ni ibihe byiza cyane aho ibintu byose byo mu isi biri kwerekeza. Ni ukugaruka kwa Kristo mu isi.

Reka mfate akanya gato nkwibutse aho iyi shusho iherereye. Kuva mu Ibyahishuwe 4–18 tubona ko igihe cy’amakuba akomeye kizaba kigeze hagati, iki kizaba igihe giteye ubwoba cyane. Kikazasozwa no kugaruka kwa Kristo aje gushinga ubwami bwe mu isi.

Mu gihe cya kera hari imvugo yariho ifitanye isano n'ibihe bizaza, kandi n'uyu munsi hari abantu bake bakiyemera ariko hari abanyeshuri ba Bibiliya bamwe batayemera. Iyo mvugo igira iti: umwe muri iyi minsi ya vuba Yesu azaza, kandi abapfuye bose bazazuka. Umuntu mwiza azaba ku ruhande rumwe n'umuntu mubi abe ku rundi ruhande. Kristo azagabanya abantu kugira ngo bamwe bajye mu ijuru abandi ikuzimu, maze hatangire igihe cy'iteka ryose. Nshuti yanjye, wanyemerera nkongera nkavuga ko iyi mvugo ari nziza.

Ntabwo ushobora gusoma ijambo ry'Imana utazi neza umugambi Imana ifitiye isi kandi ko iri gukurikira neza uwo mugambi. Gahunda y'Imana nk'uko twamaze kubivuga, ihishura ko Kristo azagaruka mu isi ubwo igihe cy'amakuba akomeye kizaba kirangiye, mbere gato y'intangiriro y'ingoma y'imyaka igihumbi.

Iri tandukaniro riratangaje ugereranyije no kuza kwa mbere kwa Kristo. Ntabwo mu by'ukuri bisanzwe.

Mu magambo ye, George Macdonald yavuze ko igihe Kristo yazaga bwa mbere:

Bose bari biteguye umwai
Kugira ngo yice abanzi babo maze bo bashyirwe hejuru;
Nyamara waje uri uruhinja
Ubyarwa n'umugore abanje kurira.

Uko ni ko Kristo yinjiye mu isi ku nshuro ye ya mbere. Yari yoroheje kandi aciye bugufi. Yari Umukiza wapfiriye abanyabyaha. Ariko mu mirongo ituri imbere tumubona aje mu bwiza butangaje. Kugaruka kwe bizerekana bwa nyuma umujinya w'Imana ku isi y'ibyaha. Satani, abadayimoni n'abantu banze Imana bose bazashyira hasi maze bacirwe urubanza. Azashyira hasi abakiranirwa bose mbere yuko ashinga ubwami bwe bwo gukiranuka.

Mu Ibyahishuwe 4:1 tubona ijuru rikingukira Yohana nk'uwari uhagarariye Itorero, nuko yinjira mu ijuru mu buryo bw'ihishurirwa abona abakuru, ni ukuvuga Itorero ryari rimaze kugerayo. Na hano mu gice cya 19 tubona ijuru rikinguka kugira ngo Kristo arisohokemo. Ifarashi y'umweru agaragara agenderaho ni itungo ry'intambara. Igihe Yesu yari mu isi, yagendeye ku ndogobe nto yinjira muri Yerusalemu, indogobe iba yari itungo ry'abami, risobanura amahoro atari intambara.

Yitwa “Uwo kwizerwa” kuko azaba aje gushyira mu bikorwa gahunda ndende y’Imana. Wibuke ko abahakana bavuga ngo, “twereke ibimenyetso byo kuza kwe?” kuri iyi ngingo nta bimenyetso—Kuko azaba ahibereye. Yakoze ibyiza. Ni uwo kwizerwa. Ni we wenyine wowe nanjye dushobora kwiringira no kwisunga.

Yitwa “Uw’ukuri” kuko ari ko asanzwe ari. Ntabwo avuga ukuri gusa, nubwo nako nyine akuvuga; ahubwo ni we rwego rw’ukuri gukwiriye. Ni we gipimo cy’ukuri. Ni we Kuri. Mbega ukuntu ari byiza cyane kugira umuntu wiringira muri iki gihe aho twumva ko ibintu byose byangiritse kandi bikoreshwa gusa muri propagande.

“Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye”—ntabwo azaba aje gupfira ku musaraba.

“Amaso ye ni ibirimi by'umuriro.” Usubiye inyuma mu Ibyahishuwe 1 ku murongo wa 14, tubona ko naho amaso ye asa n’ibirimo by’umuriro, aho aba agendera hagati mu matorero, ayacira urubanza. Ariko hano hari itandukaniro—“ Amaso ye ni ibirimi by'umuriro” kuko azaba aje gucira isi urubanze agashyira hasi abakiranirwa bose.

“No ku mutwe we afite ibisingo byinshi” ibi bisobanura ko ari we uzategeka isi wenyine. Kandi ubutware bwe buzaba ubw’igitugu, ibyo rwose ndabikwizeza. Nshuti yanjye ntabwo ukunda Kristo—niba atari Umukiza wawe—none rero nuba ukiriho muri iki gihe Krizto azagaruka mu isi, bizakubera ibihe bikomeye cyane kuko Kristo azaba Umunyagitugu kuri wowe. Umushwi ntuzavugiriza, n’isake ntizabika, ndetse umuntu ntazagira aho ajya keretse gusa Kristo amuhaye uruhushya. Ni we Mwami w’abami ni we Mutware utwara abatware.

“Kandi afite izina ryanditswe ritazwi n'umuntu wese keretse we wenyine.” Iri zina umuntu wese atabasha kumenya keretse we wenyine ni irihe? Azahabwa izina rihura n’Ubutumwa bwiza uko ari bune:

1. “Umwami w’abami” iri zina rihura n’Ubutumwa bwiza bwa Matayo, kuko Matayo yerekana Kristo nk’Umwami.

2. “Uwo Kwizerwa kandi Uw’ukuri” ibi bihura n’Ubutumwa bwiza bwa Mariko aho Kristo yerekanwa nk’Umugaragu w’Imana. Ikintu cy’ingenzi ku mugaragu ntabwo ari igisekuruza cye ahubwo ni uko ari umunyakuri kandi wo kwizerwa. Mbese ni uwo kwizerwa kandi ni uw’ukuri? Ibyo ni byo by’ingenzi biranga umugaragu.

3. “Ijambo ry’Imana” uku ni ko Kristo yitwa mu butumwa bwiza bwa Yohana: “1Mbere na mbere hariho Jambo …. Jambo uwo yabaye umuntu …” (Yohana 1:1, 14).

4. Ni irihe zina umuntu wese atabasha kumenya? Njyewe mfite icyo mbitekerezaho. Birashoboka ko iryo zina rihura n'ubutumwa bwiza bwa Luka aho Yesu yerekanwa nk'Umwana w'Umuntu. Muri iki gihe cyacu abantu benshi bakoresha iri zina, baba abaryirahira, barituka uko bishakiye kandi barikinisha. Ariko nshuti yanjye, iri ni izina jye nawe tuzashakisha ibihe byose. Ni izina rya Yesu, Umwana w'Umuntu. Mbese uzi Yesu koko? Nta n'umwe uzi Umwana keretse Data, kandi hano tubona ko igihe yazaga, yari afite izina umuntu wese atamenya keretse we ubwe.

Intumwa Pawulo, simvuga ku ntangiriro ahubwo ku iherezo ry'umurimo we, mbere yicwa yaravuze ngo, "kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka kwe no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa no gupfa kwe" (Abafilipi 3:10, italics mine). Nta n'umwe uzi Umwan keretse Data. Nshuti yanjye, kwiga kumumenya ni kimwe mu bizatuma ijuru riba *ijuru*. Aratangaje cyane ku buryo bizafata igihe cy'iteka ryose kugira ngo tubashe kumumenya. Abant duhura nabo hano mu isi iyo tumaze kubamenya dusanga atari beza, ndabeshya se? Ariko uko turushaho kumenya Yesu, ni ko turushaho kumwishimira.

Muri Yohana 14:7, 9, haratubwira ngo: "Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye [hano baratubwira Umwana]…. Yesu aramubaza ati "Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntiwari wamenya, Filipo? Umbonye aba abonye Data. Ni iki gitumye uvuga uti 'Twereke Data wa twese'?"

Nanone kandi muri rya sengesho ry'ubutambyi bukuru Kristo yasenze avuga ngo: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo." (Yohana 17:3). Iyo tuje kuri Kristo andi tukamwakira nk'Umukiza w'ibyaha byacu, tuba dutangiye ishuri. Iyo dutangiye kumumenya, tuba turi mu kiburamwaka. Dr. Vernon McGee avuga ko igihe yajyaga mu zabukuru agasezera kuba umushumba w'itorero, yihaye intego aravuga ngo: ndashaka kumenya Yesu kurusha uko muzi uyu munsi. Akomeza avuga ko yabyukaga buri gitondo maze akareba mu idirishya akabona hanze hakiri igihu—maze akavuga ngo, "Mwami, ndagushimiye ko ungejeje ku wundi munsi. Ndagukunda. Ndagukunda Mwami Yesu, ariko bisa n'uko uri kure yanjye cyane. Ndifuza kukumenya. Umwuka w'Imana umfashe kukumenya neza." Izina rya Yesu—oh, mbega ukuntu risobanura neza kandi Yesu akaba ari umuntu mwiza!

Ikindi kintu nshaka kuvuga kuri iyi ngingo ni iki: mu buzima bw'iteka ryose, ntabwo tuzamenya neza Umwami Yesu gusa, ahubwo tuzanamenyana neza ubwacu. Ntabwo ntekereza

ko ubu tuziranye nk’uko bikwiriye. Inshuro nyinshi nisanga numviswe nabi. Hari ibyo mvuga by’ukuri kuri radiyo ariko nyuma nkakira ubutumwa butari bwiza. Birakomeye gusobanukirwa impamvu ntumvwa neza. Ariko mu ijuru tuzamenya nk’uko twamenywe. Ntekereza ko ibi bizaba ari byiza. Nanone kandi tuzimenya. Kandi tuzamenya abo twakundaga. McGee avuga ko igihe kimwe mu mpeshyi ubwo yari mu kiruhuko kubera uburwayi yari afite, yicaranye n’umugore we baraganira maze abasha kugira ibyo amumenyaho. Ngo icyo gihe bagize ibihe byiza cyane. McGee avuga ko yasobanukiwe uko umugore yitanze bikomeye kandi akaba umwizerwa mu gihe cy’uburwayi bwe. Uko ni ko nizera ko tuzamenyana bihagije nitugera mu ijuru! Ndetse no mu gihe tukiri hano mu ii, uko turushaho gukunda Kristo, ni ko turushaho no gukunda ubwacu.

Nanone kandi ndagira ngo urebe ibindi bizaranga Kristo igihe azaba agarutse:

**Yambaye umwenda winitswe mu maraso kandi yitwa Jambo ry'Imana.**

**Ingabo zo mu ijuru ziramukurikira zihetswe n'amafarashi y'imyeru, zambaye imyenda y'ibitare myiza, yera kandi itanduye.**

**Mu kanwa ke havamo inkota ityaye kugira ngo ayikubite amahanga, azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishoborabyose.**

**Kandi ku mwenda we no ku kibero cye afite izina ryanditsweho ngo UMWAMI W'ABAMI, N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE. [Ibyahishuwe 19:13–16].**

*Yambaye umwenda winitswe mu maraso kandi yitwa Jambo ry'Imana. Ingabo zo mu ijuru ziramukurikira zihetswe n'amafarashi y'imyeru, zambaye imyenda y'ibitare myiza, yera kandi itanduye. Mu kanwa ke havamo inkota ityaye kugira ngo ayikubite amahanga, azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishoborabyose. Kandi ku mwenda we no ku kibero cye afite izina ryanditsweho ngo UMWAMI W'ABAMI, N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE.*

Ndagira ngo umenye ko umwambaro we uzaba winitswe mu maraso kandi azaba yengesha ibirenge mu muvure w’inkazi y’umujinya w’Imana. Iyi shusho idusubiza inyuma muri Yesaya 63:1–6, umurongo twamaze kuvugaho.

Mu by’ukuri ibi ntibisobanura kuza kwa mbere kwa Kristo ahubwo bivuga kuza kwa kabiri kwa Kristo nk’uko biboneka hano mu Ibyahishuwe igice cya 19.

“Azayaragize inkoni y'icyuma” ibi bidusubije inyuma muri Zaburi 2 havuga ngo: “Iti "Ni jye wimikiye umwami wanjye, Kuri Siyoni umusozi wanjye wera." Ndavuga rya tegeko, Uwiteka yarambwiye ati "Uri Umwana wanjye, Uyu munsi ndakubyaye. Nsaba nzaguha amahanga ngo abe umwandu wawe, N'abo ku mpera y'isi ngo ubatware. Uzabavunaguza inkoni y'icyuma, Uzabamenagura nk'ikibumbano.” (Zaburi 2:6–9).

Umujinya we ubwo azaba agarutse bwa kabiri mu isi uzaba utandukanye cyane n’uko yaje mu isi bwa mbere aciye bugufi. Nyamara muri ubwo buryo bwombi hahishurwa “umujinya w’Umwana w’Intama.”

“Ingabo … mu ijuru” mu by’ukuri aya ni amatsinda y’abamarayika bagendera ku mabwiriza ye.

## INTAMBARA YA ARUMAGEDONI

Noneho rero tugeze ku musozo w’intambara ya Armageddon, kandi iyi ni yo izaba intambara ya nyuma mu isi:

**Mbona marayika ahagaze mu zuba arangurura ijwi, abwira ibisiga byose bigurukira mu kirere ati "Nimuze muteranire kurya ibyokurya byinshi Imana ibagaburira,**

**murye intumbi z'abami n'iz'abatware b'ingabo n'iz'ab'ubushobozi, n'iz'amafarashi n'iz'abahekwa na yo n'iz'abantu bose, ab'umudendezo n'ab'imbata, aboroheje n'abakomeye." [Ibyahishuwe 19:17–18].**

Niba hari Icyanditswe kingora cyane gusoma ni iki. Ngira ngo urabibona ko ku musozo w’ijambo ryayo, Imana izerekana ko yanga imirimo y’umubiri cyangwa ya kamere. Abantu babayeho mu mubiri, ubugingo bwabo buzapfa. Ubu ni ubutumire buzatangwa ku mpera y’intambara ya Armageddon aho intumbi zizaribwa bikaba nk’umunsi mukuru, aho kandi hazabamo intumbi z’abami n’iza’abakomeye bo mu isi. Nshuti yanjye, biteye ubwoba kwigomeka ku Mana kuko umunsi umwe izagucira urubanza. Uyu murongo werekana umutima w’umuntu n’uko uwo mutima ari mubi cyane.

**IKUZIMU HAFUNGUKA**

Noneho rero ku nshuro ya mbere, ikuzimu hazafunguka:

**Nuko mbona ya nyamaswa n'abami bo mu isi n'ingabo zabo bakoraniye kurwanya Uhetswe na ya farashi n'ingabo ze.**

**Iyo nyamaswa ifatwa mpiri, na wa muhanuzi w'ibinyoma wakoreraga ibimenyetso imbere yayo, akabiyobesha abashyizweho ikimenyetso cya ya nyamaswa n'abaramya igishushanyo cyayo, na we afatanwa na yo. Bombi bajugunywa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari bazima.**

**Abasigaye bicishwa inkota ivuye mu kanwa k'Uhetswe na ya farashi. Ibisiga byose bihaga intumbi zabo. [Ibyahishuwe 19:19–21].**

*Nuko mbona ya nyamaswa n'abami bo mu isi n'ingabo zabo bakoraniye kurwanya Uhetswe na ya farashi n'ingabo ze. Iyo nyamaswa ifatwa mpiri, na wa muhanuzi w'ibinyoma wakoreraga ibimenyetso imbere yayo, akabiyobesha abashyizweho ikimenyetso cya ya nyamaswa n'abaramya igishushanyo cyayo, na we afatanwa na yo. Bombi bajugunywa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari bazima. Abasigaye bicishwa inkota ivuye mu kanwa k'Uhetswe na ya farashi. Ibisiga byose bihaga intumbi zabo.*

Mbega ishusho iteye ubwoba tubona hano. Ya Nyamaswa na wa Muhanuzi w'Ibinyoma bazarwanya Imana kugeza ku munota wa nyuma. Ndetse bazahangara kurwana n'Umwana w'Imana! Birumvikana rwose ko "Uwicaye kuri ya ntebe yo mu ijuru azabaseka" ku bw'uwo mugambi wo kumurwanya. Uko ni ko kuri kuriho n'uyu munsi kuko umuntu ahora yigomeka ku Mana. Ariko ntaho azacikira Imana. Ya Nyamaswa na wa Muhanuzi w'ibinyoma nib o bazajugunywa ikuzimu bwa mbere. Kuko na Satani ubwe icyo gihe azaba atarajugunywayo.

Ikibazo umuntu yakwibaza hano ni iki: Ese "inyanja y'umuriro ibaho koko?" Reka ngusabe ube ubitekerezaho, kuko iyi ngingo nifuza kuzayivugaho tugeze mu Ibyahihuwe 20. Niba ikuzimu hatabaho haba hashushanya ahandi hantu habi cyane kurusha inyanja y'umuriro w'amazuku.

"Inkota ivuye mu kanwa k'Uhetswe na ya farashi." Iyi nkota ni iyihe? Inshuti yanjye itemera ko hazabaho ingoma y'imyaka igihumbi yambajije ikibazo aseka, agira ati, "ntabwo wizera ko

mu kanwa ka Yesu hazaturukamo inkota nyayo, ese urabyizera?” nuko musubiza ko nari kubyizera ko izaba ari nkota ya nyayo, iyo ijambo ry’Imana ritaza kuvuga ko rimeze nk’inkota. Kuko mu Abaheburayo 4:12 havuga ngo: “Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokoro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira.” No mu Abefeso 6:17 hakavuga ngo: “Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana,” N’aho muri Yesaya 11:4 hakagira hati: “Ahubwo azacira abakene imanza zitabera, n'abagwaneza bo mu isi azabategekesha ukuri, kandi isi azayikubitisha inkoni yo mu kanwa ke, n'abanyabyaha azabicisha umwuka unyura mu minwa ye.” Nshuti yanjye mbese urabona ukuntu iyi shusho isobanurwa mu Byanditswe? “Inkota” izaturuka mu kanwa ka Yesu ni Ijambo rye. Ijambo rye ni ryo ryaremye isi. Ijambo rye ni ryo ryagukijije. Nanone kandi, ijambo rye ni ryo rizarimbura abamwigometseho bose ku mperuka y’isi.

**Incamake**

Kristo nagaruka mu isi, azaza bitandukanye n’ubwambere. Kuko azaza aje gutegeka ataje gutegekwa kandi abamwigometseho bose azabarimbura ahereye kuri Antikristo n’Umuhanuzi mukuru w’ibinyoma

**Isengesho**

*Uri Umwami, kandi uzahora ku ngoma iteka ryose. Ndagushimiye Yesu kuko ari wowe nyira ububasha bwose. Isi n’ibiyirimo byose ni ibyawe, hahirwa uwakwizeye kuko atazarimbuka. Ndasabira utarakwizera kubikora vuba kugira ngo arokoke umujinya wawe uzaba mu isi. Mbisenze nizeye mu izina ryawe ryera Yesu, amen!*

Urakoze gutega amatwi ikiganiro cy’uyu munsi, ubutaha ningaruka nzakubwira ibyerekeranye n’ingoma y’imyaka igihumbi

Zirikana aya magambo Umwami yavuze, agira ati; “dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo”